**Kigali, 25/ 09 / 2020**
**Ref. 113 /RGB/CEO/CSD/2020**

Me Jean Claude MUTABAZI ABAYO
Perezida wa Komisiyo y'amatora
Kiyovu Sports Association
**KIGALI**

**Impamvu: Ibaruwa yanyu igisha inama**

Me Abayo,

Nshingiye ku ibaruwa yanyu yo kuwa 25/09/2020 mwandikiye Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) mugisha inama ku bijyanye no gusobanura amategeko y'umuryango aho usanga ibiteganyijwe muri sitati biinyuranye n'amategeko ngenga mikorere yanyu.

Nshingiye ku biteganya n'itegeko N° 04/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya 06 iteganya ko *"amategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta agomba guteganya cyane cyane ibi bikurikira … (4) uburyo bwo kuba cyangwa gutakaza ubunyamuryango";*

Nshingiye kandi ku biteganyijwe mu mategeko shingiro y'umuryango *KIYOVU SPORTS ASSOCIATION* mu ngingo ya 5 irebana n'abanyamuryango iteganya ko abanyamuryango bawunshinze n'abanyamuryango bawinjiyemo ari abanyamuryango nyakuri kandi bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umunyango;

Nshingiye nanone ku biteganywa n'ingigo ya 8 y'amategeko shingiro, iteganya ibirebana n'*igihe umuntu areka kuba umunyamuryango, ko ari*

*iyo yirukanywe, apfuye, asezeye ku bushake cyangwa iyo umuryango usheshwe.*

Hashingiwe nanone ko, umuryango ugengwa n'amategeko shingiro yawo (Statute) yashyikirijwe RGB kandi agomba kuba yubahiza ibitegenywa n'amategeko y'igihugu, bityo amategeko ngengamikorere agomba kuba ashyira mu bikorwa amategekoshingiro kandi atayavuguruza. Mu gihe habayeho kuvuguruzanya hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko shingiro.

Nshingiye ku byavuzwe hejuru, murasabwa gukora no kubahiriza ibiteganyijwe mu mategeko-shingiro yanyu yo ku wa 18/07/2012 yashyikirijwe RGB ku wa 23/08/2013.

Mugire amahoro.

Digitally signed by RGB (CEO)

Dr. KAITESI Usta
Umukuru w'Urwego

**Bimenyeshejwe:**

- Perezida wa Komite Nyobozi icyuye igihe
  **KIGALI**